RWANDA UTILITIES REGULATORY AUTHORITY

Inspiring development

ITANGAZO RIGENEWE ABAKORA UMWUGA WO GUTWARA ABAGENZI KURI MOTO MU MUJYI WA KIGALI

Hashingiwe ko imibare y'abakora umwuga wo gutwara abagenzi kuri moto mu Mujyi wa Kigali bakeneye mubazi z'ikoranabuhanga ikiri hejuru cyane, biturutse ku bwitabire n'ubwiyongere bwabo:

Ku bufatanye n'inzego zitandukanye zirimo: Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA), Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo (MINICT), Polisi y'Igihugu (RNP), Umujyi wa Kigali, Impuzamashyirahamwe y'Abomatari mu Rwanda (FERWACOTAMO), ibigo byigenga bitanga serivisi za mubazi z'ikoranabuhanga: Yego Innovision, Pascal Technology na AC Group;

Urwego Ngenzuramikorere (RURA) rurongera kumenyesha abakora umwuga wo gutwara abagenzi kuri moto batabashije kubona mubazi z'ikoranabuhanga mu gihe cyari giteganyijwe, ko igihe iki gikorwa kizamara cyongerewe, kizakomeza kugeza tariki ya 20 Nzeri 2021.

Iki gikorwa cyo gutanga no gushyira mubazi z'ikoranabuhanga kuri moto kizakomereza gusa kuri Stade Amahoro i Remera, ahasanzwe hatangirwa iyi serivisi.

**ICYITONDERWA:** Urwego Ngenzuramikorere rurongera kandi kwibutsa abakora umwuga wo gutwara abagenzi kuri moto mu Mujyi wa Kigali bose, ko nyuma y'itariki yavuzwe harugu, ntawuzemererwa gukora uwo mwuga adafite mubazi.

Bikorewe i Kigali, ku wa 05 Nzeri 2021

Digitally signed by RURA(Director General)

**Dr. Ernest NSABIMANA**

**Umuyobozi Mukuru**

**P.O Box: 7289 Kigali-Rwanda**
**Telephone: +250 252 58 45 62**
**E-mail: info@rura.rw**
**Website: www.rura.rw**